UMUTI WAWE: Losartan Potassium miligarama____

Kuki nahawe uyu muti? Ufite umuvuduko mwinshi w'amaraso. Umuvuduko mwinshi w'amaraso watera akaga utavuwe. Watera guturika kw'imitsi yo mu bwonko no guhagarara k'umutima. Ushobora gupfa uzize umuvuduko mwinshi w'amaraso utavuwe. Niba ufite na Diyabete, uyu muti urinda impyiko zawe kwangirika biturutse kuri Diyabete yawe.

Fata ikinini 1 buri gitondo ukibyuka. Si ngombwa kurya mbere y'uko unywa iki kinini

Ni iki nziyumvamo mu gihe mfata uyu muti? Rimwe na rimwe haba ingaruka zitewe no gufata uyu muti. Ingaruka ni ikintu kidasanzwe ushobora kwiyumvaho. Zimwe mu ngaruka ziterwa no gufata Losartan ziza mu gihe umubiri wawe ugenda umenyera uyu muti zishobora kuba kuzengera cyangwa isereri.

Zimwe mu ngaruka ntizibaho kenshi ariko zishobora kugira ubukana buhanitse. **Hamagara 911 cyangwa wihutire kujya mu cyumba cyita ku ndembe nugira: gufurutwa, kubyimba isura, iminwa, ururimi cyangwa inkanka; ugorwa no guhumeka; cyangwa, uzengera bikabije.**

Ni iki kindi namenya?

1. Ugomba gufata uyu muti buri munsi n'ubwo waba wumva umeze neza.
2. Ugomba kongera guhabwa uyu muti buri kwezi.
3. Nujya ku wundi muganga, irindi vuriro cyangwa icyumba cyita ku ndembe, ugomba kubabwira ko ufite umuvuduko mwinshi w'amaraso kandi ko ufata Losartan Potassium.

Ibikubiye mu makuru ajyanye n'ubuzima aboneka kuri uru rubuga bigamije kumenyesha gusa, ntibigomba gufatwa nk'inama zihamye za muganga. Igihe ufite ibibazo bijyanye n'ubuzima cyangwa ubuvuzi, jya ubaza muganga wawe cyangwa undi muntu wahuguriwe gutanga servisi z'ubuvuzi wemewe.